888

K0147900

Identification	:	**M/888 23/3/94**
Duration	:	**60 min.**
Quality	:	**Good**
Transmission	:	**RR**
Name of transcriber	:	**MUTETELI Pénine-Joie**
Name of file	:	**888 rr. wpd**
Date of transcription	:	**11/1/2000**
Dictaphone	:	**ExpressWriter Model 2750-6SN516525-53**

FACE A K0147901

Orateur : madame UWILINGIYIMANA Agathe, premier ministre.

00min00sec

... ku ishyaka CDR, Abanyarwanda bose baribuka ko iryo shyaka CDR ryatangaje ko ritemera amasezerano y'amahoro, ndetse rikabishingiraho rikanga gusinya inyandiko twita mu gifaransa *"code d'éthique politique"* ihesha amashyaka uburenganzira bwo kwinjira mu Nzego z'Inzibacyuho yaguye. Izo mpapuro zigomba gusinywa zimwe zifitwe n'amashyaka, izindi ziri mu Rukiko Rurinda Iremezo ry'Itegeko Nshinga. Amashyaka amwe rero mbere yuko aha gusinya CDR, arasaba ko ishyaka CDR ryayamenyesha ku mugaragaro ko noneho na ryo ryemera amasezerano y'amahoro, rikaba ryiyemeje kuyakurikiza nk'uko Abanyarwanda twese tubisabwa. Icyo cyifuzo cy'amashyaka CDR yakigejejweho mu mishyikirano bamwe mu bayobozi b'iryo shyaka bagiranye n'Umujyanama mu bya politiki ya Ministre w'Intebe.

Banyarwanda, Banyarwandakazi, nshimishijwe no gutangariza Abanyarwanda bose ku mugaragaro ko ishyaka CDR ryanshyikirije uyu munsi inyandiko yaryo yashyizweho umukono na Vice-président wa mbere wa CDR Bwana NAHIMANA Théoneste. Muri iyo nyandiko CDR ikaba yiyemeje ku mugaragaro kubahiriza amasezerano y'amahoro y'Arusha n'amabwiriza agenga imyifatire myiza y'amashyaka muri iki gihe cy'Inzibacyuho yaguye.

~~Ndakeka~~ ~~rero~~ ko, ari amashyaka, ari na FPR, ko nta we uheza ishyaka CDR mu gihe rizaba ryujuje ibyangombwa bisabwa n'ingingo ya mirongo itandatu n'imwe na mirongo inani z'amasezerano y'igabana ry'ubutegetsi yashyizweho umukono tariki ya cyenda Mutarama igihumbi kimwe magana cyenda mirongo cyenda na gatatu. Nongere nibutse kandi ko izo ngingo zigomba kubahirizwa n'andi mashyaka yose ari mu gihugu cyacu.

Banyarwanda, Banyarwandakazi, nizeye ko mukomeza guharanira no gushyigikira ukuri. Ahasigaye namwe murabona ko igihugu cyacu kitazakomeza kuba mu nzitane z'ibibazo kubera amahugu agenda avuka mu mashyaka amwe n'amwe. Bityo, ~~inzego z'ubutegetsi~~ zishyirweho tariki ya makumyabiri na gatanu Werurwe igihumbi kimwe magana cyenda mirongo na kane

nk'uko Président wa Repubulika abyifuza, FPR ikaba yabimenyeshejwe ikanabyemera. Liste y'Abadepite uko yatangajwe kandi ikemerwa n'impande zose tariki ya gatanu Mutarama mirongo cyenda na kane na tariki ya cumi n'icyenda Werurwe mirongo cyenda na kane, niyemerwe na none n'abari bayemeye bose boye kugira abivuguza. Abarengana babigaragaje nyuma y'iyo tariki bazarenganurwa n'inkiko. Nongere nemeze ko inyungu z'abantu ku giti cyabo zitagomba gushyirwa imbere y'inyungu z'igihugu. Ibyo byaturinda impaka za hato na hato mu gihe ubucamanza butari bwazikemura burundu ku buryo budasubirwaho. Murakoze. **04min00sec**

Orateur : NIZEYIMANA Jules, journaliste de Radio Rwanda.

Mukomeje kumva Radiyo Rwanda, bibaye saa moya n'iminota cumi n'irindwi hano i Kigali. Dukomeje kubagezaho amakuru yo mu Rwanda.

Orateur : KAYIBANDA Louise, journaliste de Radio Rwanda.

Imaze kumva itangazo rya Présida... rya Présidence wa.. Repubulika ryo ku itariki makumyabiri n'imwe z'uku kwezi n'iry'ishyaka MRND, Bureau politique ya PDI uyu munsi yahise iterana imaze gusuzuma ibikubiye muri ayo matangazo yombi yiyemeza gutangariza Abanyarwanda ibi bikurikira:

- Icya mbere: Bureau politique y'ishyaka PDI irasanga inzitizi zivugwa muri aya matangazo yombi nta shingiro zifite ahubwo ari urwitwazo rugamije gukomeza kuburizamo ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'amahoro.

- Icya kabiri: Bureau politique y'ishyaka PDI yatunguwe no kumva Président wa Repubulika atangaza ko ishyaka PDI rifite abakandida Depite babiri kandi azi neza ko umukandida Depite wa PDI ari HAMIDU Omar kuko ari we wabitorewe ku itariki makumyabiri n'ebyiri hm... z'ukwezi kwa munani mu mwaka ushize, kandi akemezwa na Président w'Urukiko rurinda Ubusugire bw'Itegeko Nshinga, akanemezwa na Président wa Repubulika ubwe ndetse na Ministre w'Intebe nk'uko bigaragaz... bigaragara ku "maliste" bose batangarije Abanyarwanda ku itariki ya kane Mutarama muri uyu mwaka.